

ITEGEKO N° 08/2009 RYO KUWA 27/04/2009 RIGENA IMITERERE, IMIKORERE N'INSHINGANO BY'IKIGO CY'IMISORO N'AMAHORO (RRA) LAW N° 08/2009 OF 27/04/2009 DETERMINING THE ORGANISATION, FUNCTIONING AND RESPONSIBILITIES OF RWANDA REVENUE AUTHORITY (RRA) LOI N° 08/2009 DU 27/04/2009 PORTANT L'ORGANISATION, LE FONCTIONNEMENT ET LES ATTRIBUTIONS DE L'OFFICE RWANDAIS DES RECETTES (RRA)

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ibyo itegeko rigena

Article one: Purpose of the Law

Article premier: Objet de la Loi

Ingingo ya 2: icyicaro cya RRA

Article 2: RRA Head office

Article 2: Siège de RRA

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RRA

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF RRA

CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DE RRA

Ingingo ya 3: Inshingano za RRA

Article 3: Responsibilities of RRA

Article 3: Attributions de RRA

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RRA

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RRA

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RRA

Ingingo ya 4: Urwego rureberera RRA

Article 4: Supervising Authority

Article 4: Organe de tutelle de RRA

Ingingo ya 5: Ibikubiye mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa

Article 5: Contents of the performance contract

Article 5: Contenu du contrat de performance

UMUTWE WA IV: UBUYOBOZI BWA RRA

CHAPTER IV: MANAGEMENT OF RRA

CHAPITRE IV: ADMINISTRATION DE RRA

Ingingo ya 6: Inzego za RRA

Article 6: Organs of RRA

Article 6: Organes de RRA

<u>Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Section one: Board of Directors</u>	<u>Section première: Conseil d'Administration</u>
<u>Ingingo ya 7: Urwego ruyobora RRA</u>	<u>Article 7: Management organ of RRA</u>	<u>Article 7: Organe de direction de RRA</u>
<u>Ingingo ya 8: Ishyirwaho ry'abagize Urwego ruyobora RRA na manda yabo</u>	<u>Article 8: Appointment of RRA Board members and their mandate</u>	<u>Article 8: Nomination des membres du Conseil d'Administration et leur mandat</u>
<u>Ingingo ya 9: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RRA</u>	<u>Article 9: Responsibilities of the RRA Board of Directors</u>	<u>Article 9: Attributions du Conseil d'Administration de RRA</u>
<u>Ingingo ya 10: Itumizwa ry'Inama y'Ubuyobozi, ibyo isuzuma n'uko ifata ibyemezo</u>	<u>Article 10: Convening of Board meetings, agenda and mode of decision making</u>	<u>Article 10: Convocation du Conseil d'administration, ordre du jour, prise de décision</u>
<u>Ingingo ya 11: Itumizwa ry'uwunganira Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Article 11: Invitation of a resourceful person to Board meetings</u>	<u>Article 11: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration</u>
<u>Ingingo ya 12: Iyegura ry'ugize Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Article 12: Resignation of a Board Member</u>	<u>Article 12: Démission d'un membre du Conseil d'Administration</u>
<u>Ingingo ya 13: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama</u>	<u>Article 13: Sitting allowance for Board members</u>	<u>Article 13: Jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration</u>
<u>Ingingo ya 14: Ibibujijwe ku bagize inama y'Ubuyobozi n'ibigo bafitemo imigabane</u>	<u>Article 14: Restrictions on Board members and companies in which they are shareholders</u>	<u>Article 14: Restrictions aux membres du Conseil d'Administration et aux sociétés dont ils sont associés</u>
<u>Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya</u>	<u>Article 15: Grounds for loss of Board membership</u>	<u>Article 15: Perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration</u>

<u>Ingingo ya 16:</u> Ibiteganywa n'amategeko ngenamikorere ya RRA	<u>Article 16:</u> Provisions of RRA's Rules and Regulations	<u>Article 16:</u> Règlement d'ordre intérieur de RRA
<u>Ingingo ya 17:</u> Uburyo ugize Inama y'Ubuyobozi amenyesha ko afite inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa cyangwa byasuzumwa vuba	<u>Article 17:</u> Modalities for notification by a Board member of his or her personal interest in issues to be discussed	<u>Article 17:</u> Modalités de notification par un membre du Conseil d'Administration d'intérêt lié aux points sous examen
<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 18:</u> Adoption of Board meeting resolutions	<u>Article 18:</u> Adoption des résolutions du Conseil d'Administration
<u>Icyciro cya 2:</u> Ubuyobozi Bukuru n'inzego z'imirimo bya RRA	<u>Section 2:</u> Management Committee and organisational structure of RRA	<u>Section 2:</u> Comité de Direction et du cadre organique de RRA
<u>Ingingo ya 19:</u> Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RRA	<u>Article 19:</u> RRA Management Committee members	<u>Article 19:</u> Composition du Comité de Direction de RRA
<u>Ingingo ya 20:</u> Uko abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RRA bashyirwaho na manda yabo	<u>Article 20:</u> Appointment of RRA Management Committee members and their mandate	<u>Article 20:</u> Nomination et mandat des membres du Comité de Direction de RRA
<u>Ingingo ya 21:</u> Imicungire ya RRA n'inshingano za Komiseri Mukuru	<u>Article 21:</u> Management of RRA and responsibilities of the Commissioner General	<u>Article 21:</u> Gestion de RRA et attributions du Commissaire Général
<u>Ingingo ya 22:</u> Amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa hagati y'Inama y'Ubuyobozi na Komiseri Mukuru	<u>Article 22:</u> Performance contract between the Commissioner General and the Board of Directors	<u>Article 22:</u> Contrat de performance entre le Conseil d'Administration et le Commissaire Général
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibibujijwe kuri Komiseri Mukuru na Komiseri Mukuru Wungirije	<u>Article 23:</u> Restrictions on the Commissioner General and the Deputy Commissioner General	<u>Article 23:</u> Restrictions au Commissaire Général et au Commissaire Général Adjoint

Ingingo ya 24: Usimbura Komiseri Mukuru iyo adahari cyangwa yagize impamvu

Ingingo ya 25: Impamvu zituma Komiseri Mukuru cyangwa Komiseri Mukuru Wungirije bahagarikwa cyangwa bavanwa ku mirimo

Ingingo ya 26: Sitati igenga abakozi, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo bya RRA

Ingingo ya 27: Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru bw'Ikigo n'abakozi

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 28: Ibigize Umutungo wa RRA n'aho ukomoka

Ingingo ya 29: Aho amafaranga yinjizwa na RRA ashirwa n'ayo ishobora gusigarana

Ingingo ya 30: Imenyekanisha ry'umubare w'amafaranga yinjiye mu kigega cya RRA, uko iyacunga n'igenzurwa ryayo

Ingingo ya 31: Igenzura rya buri mwaka ry'imikoreshereze y'amafaranga ya RRA

Article 24: Replacement of the Commissioner General in the event of his or her absence or impediment

Article 25: Grounds for suspension or removal from office of the Commissioner General or the Deputy Commissioner general

Article 26: Statutes governing staff members and organisational structure of RRA Departments

Article 27: Emoluments for RRA Management Committee and staff

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 28: Property of RRA and its source

Article 29: RRA collections and retentions

Article 30: Declaration, management and audit of RRA books of account

Article 31: Annual audit of RRA finances

Article 24: Remplacement du Commissaire Général en cas d'absence ou d'empêchement

Article 25: Raisons de suspension et de révocation du Commissaire Général ou du Commissaire Général Adjoint de leurs fonctions

Article 26: Statut du personnel et structure organisationnelle des départements de RRA

Article 27: Appointements accordés aux membres du Comité de Direction et aux membres du personnel

CHAPITRE V : DU PATRIMOINE ET DES FINANCES

Article 28: Patrimoine de RRA et sa provenance

Article 29: Destination des fonds collectés par RRA et pourcentage des recettes qu'il peut retenir

Article 30: Déclaration, gestion et audit des fonds enregistrés dans les livres de RRA

Article 31: Audit annuel des finances de RRA

Ingingo ya 32: Iyemezwa n’icungwa ry’ingingo y’imari ya RRA

Article 32: Approval and management of RRA budget

Article 32: Adoption et gestion du budget de RRA

Ingingo ya 33: Imikoreshereze, imicungire n’imigenzurire by’umutungo bya RRA

Article 33: Use, management and audit of RRA property

Article 33: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de RRA

Ingingo ya 34: Ubugenzuzi bwa RRA n’inshingano zabwo

Article 34: RRA Internal Audit Service and its responsibilities

Article 34: Service d’audit interne de RRA et ses attributions

Ingingo ya 35: Igenzurwa

Article 35: Audit of the use of RRA finances

Article 35: Audit d’utilisation du patrimoine de RRA

Ingingo ya 36: Raporo y’umwaka w’ibaruramari

Article 36: Annual financial Report

Article 36: Rapport annuel de l’exercice comptable

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 37: Itegurwa n’isuzumwa ry’iri tegeko

Article 37: Preparation and examination of this Law

Article 37: Initiation et examen de la présente Loi

Ingingo ya 38: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’itegeko

Article 38: Repealing of inconsistent provisions

Article 38: Abrogation des dispositions légales contraires

Ingingo ya 39: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 39: Commencement

Article 39: Entrée en vigueur de la présente loi

**ITEGEKO N° 08/2009 RYO KUWA
27/04/2009 RIGENA IMITERERE,
IMIKORERE N'INSHINGANO
BY'IKIGO CY'IMISORO
N'AMAHORO (RRA)**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE
RITYA KANDI DUTEGETSE KO
RYANDIKWA MU IGAZETI YA
LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo
kuwa 11 Gashyantare 2009;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa
28 Ugushyingo 2008;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya
Repubulika y' u Rwanda ryo kuwa 04
Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza
ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62,
iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya

**LAW N° 08/2009 OF 27/04/2009
DETERMINING THE
ORGANISATION, FUNCTIONING
AND RESPONSIBILITIES OF
RWANDA REVENUE
AUTHORITY (RRA)**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS
ADOPTED AND WE SANCTION,
PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER
IT BE PUBLISHED IN THE
OFFICIAL GAZETTE OF THE
REPUBLIC OF RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session
of 11/02/ 2009;

The Senate, in its session of
28/11/2008;

Pursuant to the Constitution of the
Republic of Rwanda of 04 June 2003 as
amended to date, especially in Articles
62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108,
113, 118, 183, 191 and 201;

**LOI N°08/2009 DU 27/04/2009
PORTANT ORGANISATION,
FONCTIONNEMENT ET
ATTRIBUTIONS DE L'OFFICE
RWANDAIS DES RECETTES (RRA)**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET
NOUS SANCTIONNONS,
PROMULGUONS LA LOI DONT LA
TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU
JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du
11/02/2009;

Le Sénat, en sa séance du 28/11/2008;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée
à ce jour, spécialement en ses articles 62,
66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113,
118, 183, 191 et 201;

92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 183, iya 191 n'ya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 14/2004 ryo kuwa 26 Gicurasi 2004 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 17;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 37/2006 ryo kuwa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryavugururwe kugeza ubu;

Isubiye ku Itegeko n° 15/97 ryo kuwa 8/11/1997 rishyiraho Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu;

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Ibyo itegeko rigamije

Iri Tegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo gishinzwe kwinjiza mu isanduku ya Leta imisoro n'amahoro, cyitwa "Rwanda Revenue Authority, "RRA" mu magambo ahinnye y'ururimi rw'icyongereza.

Pursuant to Organic Law n° 14/2004 of 26/05/2004 establishing General Provisions governing public institutions as modified to date, especially in Article 17;

Pursuant to Organic Law n° 37/2006 of 12/09/2006 on State Finances and Property as modified and complemented to date;

Having reviewed Law n° 15/97 of 8/11/1997 establishing Rwanda Revenue Authority as modified and complemented to date;

ADOPTS:

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of this Law

This Law determines the responsibilities, organisation and functioning of Rwanda Revenue Authority, abbreviated as "RRA".

Vu la Loi Organique n°14/2004 du 26/5/2004 portant dispositions générales applicables aux établissements publics, telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 17;

Vu la Loi Organique n° 37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat, telle que modifiée et complétée à ce jour;

Revu la Loi n° 15/97 du 8/11/1997 portant création de l'Office Rwandais des Recettes, telle que modifiée et complétée à ce jour;

ADOPTE:

**CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GENERALES**

Article premier: Objet de la Loi

La présente loi détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement de l'Office Rwandais des Recettes dénommé « Rwanda Revenue Authority», RRA en sigle anglais.

RRA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga inzego z'imirimu ya Leta.

Ingingo ya 2: Icyicaro cya RRA

Icyicaro cya RRA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

RRA ishobora gushinga amashami ahandi hose mu Gihugu igihe bibaye ngombwa byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RRA

Ingingo ya 3 : Inshingano za RRA

Hakurikijwe amategeko agenga imisoro n'amahoro, inshingano z'ingenzi za RRA ni izi zikurikira:

1° kugira uruhare mu igena ry'imisoro n'amahoro, kubyakira, kubigenzura, kubicunga hakurikijwe amategeko no kumenyesha Minisitiri iyireberera uko

RRA shall have legal personality, financial and administrative autonomy and shall be managed in accordance with laws governing public institutions.

Article 2: RRA Head office

The head office of RRA is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if considered necessary.

RRA may set up branches elsewhere in the country if considered necessary and upon approval by an Order of the Prime Minister.

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF RRA

Article 3: Responsibilities of RRA

RRA shall have the following main responsibilities, in accordance with taxation laws:

1° participating in fixing, collecting, controlling and managing taxes in accordance with the law and informing the supervising Ministry

RRA est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux lois relatives aux institutions publiques.

Article 2: Siège de RRA

Le siège de RRA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

RRA peut, en cas de nécessité, établir d'autres branches en tout autre lieu du territoire national par Arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DE RRA

Article 3: Attributions de RRA

Conformément à la législation fiscale, les principales attributions de RRA sont les suivantes:

1° contribuer à la fixation, à la perception, au contrôle et à la gestion des impôts et taxes conformément à la loi et en informer les modalités le Ministère de tutelle;

bikorwa;	on modalities pertaining thereto;	
2° gutanga ubusonere buteganywa n'amategeko abigenga, hakurikijwe uburyo igena;	2° granting tax waivers as provided for by relevant legal provisions according to the procedures it prescribes;	2° accorder les exonérations prévues par les dispositions légales en la matière conformément aux modalités qu'il définit;
3° kwigisha no gukangurira abaturatione igikorwa cyo gutanga imisoro n'amahoro;	3° educating and sensitizing the population on tax payment;	3° éduquer et sensibiliser la population sur le paiement des impôts et taxes;
4° kugira inama Guverinoma n'Inzego z'Ibanze mu byerekeye politiki y'imisoro n'amahoro;	4° advising the Central Government and Local Government authorities on tax policy;	4° conseiller le Gouvernement et les entités administratives locales sur la politique des impôts et taxes;
5° kugenza ibyaha ku bantu barenga ku mategeko agenga imisoro n'amahoro;	5° exercising judicial police powers to investigate taxation offences;	5° jouer le rôle de police judiciaire à l'égard des personnes qui contreviennent à la législation fiscale;
6° korohereza ibikorwa by'ubucuruzi;	6° facilitating commercial activities;	6° faciliter les activités commerciales;
7° gukora undi murimo uwo ari wo wose ufite isano no kwinjiriza Leta amafaranga bisabwe n'Inama y'Abaminisitiri.	7° carrying out any other activity related to the collection of public revenue upon request by the Cabinet.	7° exercer toute autre activité relative à la perception de recettes publiques sur demande du Conseil des Ministres.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RRA

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RRA

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RRA

Ingingo ya 4: Urwego rureberera RRA

Article 4: Supervising Authority of

Article 4: Organe de tutelle de RRA

RRA irebererwa na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo. Hagati y'iyi Minisiteri n'Inama y'Ubuyobozi ya RRA hakorwa

RRA shall be supervised by the Ministry in charge of Finance. There shall be concluded a performance contract

RRA est placé sous la tutelle du Ministère ayant les finances dans ses attributions. Il est signé, entre ce Ministère et le Conseil

amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhande mu kugera ku nshingano za RRA.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize inama y'ubutegetsu ashirwaho umukono na Perezida w'Inama y'Ubutegutsi na Minisitiri ureberera RRA.

Ingingo ya 5: Ibikubiye mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa

Mu byo amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa ateganywa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko agomba guteganya mu buryo bwumvikana harimo:

1° inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ndetse n'inshingano z'inze zose za RRA;

2° ibigomba kugerwaho na RRA;

3° aho umutungo wa RRA ukomoka, imikorere yayo n'uburyo buhoraho bwo kubigenzura.

between the Ministry and RRA Board of Directors indicating the powers, rights and responsibilities of each party in fulfilling the responsibilities of RRA.

Such a contract shall have a duration equal to the term of office of members of the Board of Directors and be signed by the Chairperson of the Board of Directors and the Minister supervising RRA.

Article 5: Content of the performance contract

The performance contract mentioned in Article 4 of this Law shall clearly indicate:

1° Responsibilities of the Board of Directors and those of the organs of RRA;

2° expected results of RRA;

3° source of RRA property, its functioning and regular auditing mechanism.

d'Administration de RRA, un contrat de performance déterminant les pouvoirs, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission de RRA.

Ce contrat est conclu pour une durée égale au mandat des membres du Conseil d'Administration et est conjointement signé par le Président du Conseil d'Administration et le Ministre de tutelle de RRA.

Article 5: Contenu du contrat de performance

Le contrat de performance visé à l'article 4 de la présente loi doit clairement préciser:

1° les engagements du Conseil d'Administration et ceux de tous les organes de RRA;

2° les réalisations attendues de RRA;

3° la source du patrimoine de RRA ainsi que ses modalités de fonctionnement et d'audit régulier.

UMUTWE WA IV: UBUYOBOZI BWA RRA

Ingingo ya 6: Inzego za RRA

RRA igizwe n'inzego ebyiri (2) zikurikira:

- 1° Inama y'Ubutegetsi;
- 2° Ubuyobozi Bukuru.

Iciviro cya mbere: Inama y'Ubutegetsi

Ingingo ya 7: Urwego ruyobora RRA

Inama y'Ubutegetsi ya RRA ni rwo rwego ruyiyobora kandi rushinzwe gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n'inshingano byo gucunga umutungo wa RRA kugira ngo RRA ishobore kugera ku nshingano zayo.

Ingingo ya 8: Ishyirwaho ry'abagize Urwego ruyobora RRA na manda yabo

Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu barindwi (7), harimo batandatu (6) bashyirwaho n'Itaka rya Minisitiri w'Intebe, na Komiseri Mukuru wa RRA. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%)

CHAPTER IV: MANAGEMENT OF RRA

Article 6: Organs of RRA

RRA shall comprise of the following two (2) organs:

- 1° the Board of Directors; and
- 2° the Senior Management

Section One: Board of Directors

Article 7: Management organ of RRA

The Board of Directors shall be the supreme management and decision-making body of RRA. It shall have full powers and responsibilities to manage the property of RRA in order to allow RRA fulfil its responsibilities.

Article 8: Appointment of Board members and their term of office

The Board of Directors shall consist of seven (7) members, including six (6) members who are appointed by an Order of the Prime Minister and the Commissioner General of RRA. At

CHAPITRE IV: ADMINISTRATION DE RRA

Article 6: Organes de RRA

RRA est doté de deux (2) organes suivants :

- 1° le Conseil d'Administration ;
- 2° la Direction

Section première: Conseil d'Administration

Article 7: Organe de direction de RRA

Le Conseil d'Administration de RRA est l'organe suprême de direction et de décision. Il est investi des pouvoirs étendus et de la mission d'assurer la gestion du patrimoine de RRA en vue de la réalisation de la mission de cette dernière.

Article 8: Nomination des membres du Conseil d'Administration et leur mandat

Le Conseil d'Administration est composé de sept (7) membres dont six (6) nommés par arrêté du Premier Ministre et le Commissaire Général de RRA. Trente pour cent (30%) au moins des membres

by'abagize inama y'ubutegetsi bagomba kuba ari abagore.

Abashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe, harimo Perezida na Visi-Perezida, batoranywa cyane cyane mu bahanga bafite ubumenyi n'uburambe mu bijyanye n'imisoro n'amahoro cyangwa ibijyanye n'imari muri rusange kandi bamara ku mirimo igihe cy'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Ingingo ya 9: Inshingano z'Inama y'Ubutegetsi ya RRA

Mu buryo rusange, inama y'ubutegetsi ishinzwe ibirebana na RRA ku buryo buhoraho.

Inshingano zayo z'ingenzi ni izi zikurikira:

1° gusuzuma no kwemeza politiki RRA igenderaho itegurwa n'Ubuyobozi Bukuru bwa RRA;

2° gukurikirana uburyo politiki ya RRA ishyirwa mu bikorwa;

3° gutegura amategeko ngengamikorere ya RRA yemezwa n'Iteka rya Minisitiri ufite

least thirty percent (30%) of the members of the Board shall be females.

The Chairperson and the Vice-Chairperson of the Board shall be appointed by an Order of the Prime Minister. They shall be selected especially from persons with extensive knowledge and experience in the area of taxation or finance in general, and they shall serve for a period of three (3) years renewable only once.

Article 9: Responsibilities of the RRA Board of Directors

The Board of Directors shall be generally responsible for matters relating to RRA's activities on a permanent basis.

The main responsibilities of the Board shall be the following:

1° examining and approving RRA's policy developed by the Management of RRA;

2° monitoring the implementation of RRA's policy;

3° preparing rules and regulations of RRA which shall be approved by

du Conseil d'Administration sont de sexe féminin.

Le Président et le Vice-Président du Conseil d'administration sont nommés par arrêté du Premier Ministre. Ils sont choisis spécialement parmi les personnes ayant de larges connaissances et expériences dans le domaine d'impôts et taxes ou des finances en général et leur mandat est de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

Article 9: Attributions du Conseil d'Administration de RRA

Le Conseil d'administration assure généralement le suivi permanent des activités de RRA.

Ses principales attributions sont les suivantes :

1° examiner et approuver la politique de RRA élaborée par la direction de RRA;

2° faire le suivi de la mise en œuvre de la politique de RRA;

3° élaborer le règlement d'ordre intérieur de RRA qui sera approuvé par un arrêté

imari mu nshingano ze;	the Minister in charge of Finance;	du Ministre ayant les finances dans ses attributions;
4° Kwemeza sitati igenga abakozi, imiterere n'inshingano by'inze z'imirimo bya RRA ishingiyeye ku mahame ateganywa n'amategeko agenga abakozi b'ibigo bya Leta.	4° approving the statute governing personnel and the organisational chart of RRA based on principles provided by laws governing staff members of public institutions;	4° adopter les statuts du personnel et le cadre organique de RRA conformément aux principes prévus par les lois régissant les agents des établissements publics;
5° gutanga icyerekezo cy'ibikorwa na gahunda y'imikorere bya RRA;	5° providing the strategic vision and action plan of RRA;	5° déterminer la vision stratégique et le plan d'action de RRA;
6° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya buri mwaka, mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe;	6° approving the annual draft budget proposal before submitting it to relevant authorities;	6° adopter l'avant-projet de budget annuel avant de le soumettre aux organes compétents;
7° gusuzuma imikorere y'Ikigo hakurikijwe gahunda n'ingengo y'imari;	7° assessing performance of RRA in accordance with its action plan and budget;	7° évaluer les performances de RRA conformément au plan d'action et au budget;
8° gushyiraho abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RRA uretse Komiseri Mukuru na Komiseri Mukuru Wungirije no gushyiraho abandi bakozi ba RRA;	8° appointing members of the Senior Management and other RRA staff except for the Commissioner General and the Deputy Commissioner General of RRA;	8° nommer les membres de la Direction et d'autres membres du personnel de RRA sauf le Commissaire Général et le Commissaire Général Adjoint;
9° Kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo bya RRA.	9° approving the activity and financial reports of RRA.	9° adopter les rapports d'activités et financiers de RRA.

Ingingo ya 10: Itumizwa ry'Inama y'Ubutegetsi, ibyo isuzuma n'uko ifata ibyemezo

Inama y'Ubutegetsi ya RRA iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida, igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize inama y'ubutegetsi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye, nibura, iminsi itanu (5) kugira ngo iterane.

Mu byigwa n'Inama y'Ubutegetsi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo mu mwaka urangiye; mu gihembwe cya gatatu hakabamo gahunda yo gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira. Buri gihembwe kandi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Minisitiri ureberera RRA.

Article 10: Convening of Board meetings, agenda and modalities of decision making

The meeting of the Board of Directors shall be convened once a term and at any time it is considered necessary, at the invitation of its Chairperson or its Vice Chairperson, in the absence of its Chairperson upon their initiative or upon request by one-third (1/3) of its members. The invitation shall be submitted in writing to Board members at least fifteen (15) days before the meeting is held. However, an extraordinary meeting shall be convened in writing at least five (5) days before it is held.

The agenda of the Board meeting in the first term of the year shall include approval of activity and financial reports of the previous year; in the third term, there shall be included in the meeting, examination of the draft annual budget and action plan of the following year. In each term, the Board of Directors shall also examine financial and activity reports relating to the previous term which shall be submitted to the Minister supervising RRA.

Article 10: Convocation du Conseil d'administration, ordre du jour, prise de décision

Le Conseil d'Administration de RRA se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou du Vice-président en l'absence du Président, de leur propre initiative ou sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres. L'invitation à la réunion est faite par écrit et transmise aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins cinq (5) jours avant sa tenue.

A l'ordre du jour du premier trimestre de l'année figurent notamment les points relatifs à l'approbation des rapports d'activités et de gestion du patrimoine pour l'exercice précédent. L'ordre du jour de la réunion du troisième trimestre comprend notamment l'examen de l'avant-projet de budget et du programme d'activités pour l'exercice suivant. Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre écoulé et le soumettre au Ministre de tutelle de RRA.

Uburyo inama iterana n'uko ibyemezo bifatwa biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RRA.

Procedures for convening meetings and modalities of taking decisions shall be prescribed in the Internal Rules and Regulations of RRA.

Les modalités de réunion et de prise de décision du Conseil d'Administration sont prévues par le Règlement d'Ordre Intérieur de RRA.

Ingingo ya 11: Itumizwa ry'uwunganira Inama y'Ubutegetsi

Article 11: Invitation of a resourceful person to Board meetings

Article 11: Invitation d'une personne à consulter aux réunions du Conseil d'Administration

Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira, mu nama yayo, umuntu wese ibona ashobora kuyungura ibitekerezo ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikira iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.

The Board of Directors may invite to its meeting any person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda. The invitee shall not be allowed to vote and follow deliberations on other issues on the agenda.

Le Conseil d'Administration peut, au cours de ses réunions, inviter toute personne qu'il juge compétente pour l'examen d'un point inscrit à l'ordre du jour. La personne invitée n'a pas de voix délibérative et ne peut participer aux débats sur les autres points à l'ordre du jour.

Ingingo ya 12: Iyegura ry'ugize Inama y'Ubutegetsi

Article 12: Resignation of a Board Member

Article 12: Démission d'un membre du Conseil d'Administration

Uri mu bagize inama y'ubutegetsi ashobora kwegura ku mirimo ye abimenyesheje, mu nyandiko, Minisitiri w'Intebe. icyemezo cya Minisitiri w'Intebe kigomba gufatwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe uherye ku iyakirwa ry'ibaruwa ibisaba. Iyo icyo gihe kirenze, kwegura bifatwa nk'aho byemewe.

A Board member may resign from his/her duties by informing the Prime Minister in writing. The Prime Minister's decision shall be made in a period not exceeding one month from receipt of the resignation letter. Upon expiration of such a period, the resignation shall be deemed as having been definitely approved.

Un membre du Conseil d'Administration peut démissionner de ses fonctions par une lettre adressée au Premier Ministre. La décision du Premier Ministre doit être prise endéans un mois à dater du jour de la réception de la lettre de démission. Passé ce délai, la démission est réputée acceptée.

Ingingo ya 13: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubutegetsi bitabiriye inama

Abagize Inama y'Ubutegetsi bitabiriye inama z'Inama y'Ubutegetsi, bahabwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 14: Ibubujijwe ku bagize inama y'Ubutegetsi n'ibigo bafitemo imigabane

Uretse Komiseri Mukuru, abagize inama y'ubutegetsi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RRA.

Abagize inama y'ubutegetsi ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na RRA.

Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubutegetsi avanwa kuri uwo mwanya

Ugize inama y'ubutegetsi ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;

Article 13: Sitting allowance for Board members

A Presidential Order shall determine sitting allowances to be allocated to Board members present in a Board meeting.

Article 14: Restrictions to Board members and companies in which they are shareholders

Except for the Commissioner General, Members of the Board of Directors shall not be allowed to undertake any remunerated activities of RRA.

Board members, whether individually or as companies in which they are shareholders shall not be allowed to bid for RRA tenders.

Article 15: Grounds for loss of Board membership

A member of the Board of Directors shall cease to be a board member if:

- 1° the mandate expires;
- 2° he/she resigns in writing;

Article 13: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration bénéficient de jetons de présence dont le montant est déterminé par Arrêté Présidentiel.

Article 14: Restrictions aux membres du Conseil d'Administration et aux sociétés dont ils sont associés

Il est interdit aux membres du Conseil d'Administration d'exercer des fonctions rémunérées au sein de RRA, à l'exception du Commissaire Général.

Il est interdit aux membres du Conseil d'administration et aux sociétés dont ils sont associés de soumissionner aux marchés de RRA.

Article 15: Perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration

Un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre dans les cas suivants:

- 1° expiration du mandat;
- 2° démission par notification écrite;

3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;

4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;

5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe, nta mpamvu zifite ishingiro;

6° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashirwa mu Nama y'Ubutegetsi;

7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;

8° abangamira inyungu za RRA;

9° yireze akemera icyaha cya jenocide;

10° apfuye.

Minisitiri ureberera RRA agaragaza muri raporo igenewe inzego zibifitiye ububasha ko umwe mu bagize inama y'ubutegetsi adakwiriyeye kuba mu bayigize cyangwa ko atakiri mu mwanya we hakurikijwe

3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by an authorised medical doctor;

4° he/she has been definitively sentenced to a term of imprisonment of six (6) months or above with no suspension of the sentence;

5° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times in a year with no justified reasons;

6° it is clear that he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment to the Board of Directors;

7° he/she behaves in a manner contrary to his/her responsibilities;

8° he/she jeopardises the interests of RRA;

9° he/she has confessed and pleaded guilty to the crime of genocide;

10° he/she dies.

The Minister supervising RRA shall indicate in a report meant for competent organs that one of its members can no longer occupy his/her position in accordance with the provisions of the

3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé;

4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à (6) mois sans sursis;

5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables ;

